**KURAHIZA ABACAMANZA N'ABANDITSI B'INKIKO**
**Kigali, ku wa 1 Ukwakira 2021**

Bacamanza n'abanditsi mumaze kurahira,

Mu izina ry'Inama Nkuru y'Ubucamanza, nishimiye kubakira ku mugaragaro mu Rwego rw'Ubucamanza. Ndabashimira indahiro mumaze gukora, nk'ikimenyetso cy'ingenzi cy'uko mwinjiye mu Rwego rw'Ubucamanza nk'uko amategeko abiteganya.

Umurimo w'ubucamanza n'uw'ubwanditsi mutangiye, ni umurimo w'ingirakamaro mu kubaka umuco wo kuba Igihugu kigendera ku mategeko kandi kiyubahiriza kuri bose. Koko rero, umurimo w'ibanze w'abacamanza ni ugutanga ubutabera, bakemura impaka hagati y'ababuranyi, bityo bigashimangira amahoro n'imibanire myiza mu bantu.

Umurimo w'umucamanza usaba ubufatanye n'abanditsi, kuko nk'uko tubizi inteko iburanisha buri gihe iba igizwe n'umucamanza n'umwanditsi. Nk'abanyamwuga bahamagariwe gutanga ubutabera buboneye kandi butabogama, uretse gukorana umurava kandi kinyamwuga, murasabwa no kuba indakemwa no kugira imyitwarire myiza haba mu kazi ndetse no hanze yako. Uko muzarangiza neza inshingano zanyu, ni na ko abagana inkiko bazarushaho kuzigirira ikizere kuko ari cyo Urwego rw'Ubucamanza rwubakiyeho.

Kugira ngo murangize neza inshingano zanyu bisaba ubufatanye no gukora nk'ikipi. Tubijeje ubufatanye busesuye kandi n'izindi nzego z'ubucamanza zizakora ibishoboka kugira ngo mushobore kutanga umusaruro Igihugu kibatezeho. Ibibazo muzahura na byo mu kazi ntimuzabyihererane ahubwo muzajye mubigeza kubabakuriye kugira bishakirwe umuti.

Muzirinde kandi guteshuka ku nshingano zanyu, mwirinda imikorere mibi, cyane cyane ibikorwa binyuranye n'amahame y'igenzi agenga abacamanza n'abanditsi, harimo ku isonga gutanga ubutabera bunoze kandi butabogamye. Aha rero ni ukwirinda ikintu cyose cyatuma mutatira ukuri, ahubwo muzimakaze ubudakemwa, ubunyamwuga, cyane cyane abacamanza muzihatire kujya mufata ibyemezo binyuze mu mucyo, bishingiye ku byo ababuranyi bagaragaje nk'ibimenyetso, bigahuzwa n'ibyo amategeko ateganya.

Nongeye kubashimira kuba mwemeye kuza gufatanya natwe mu murimo ukomeye wo gutanga ubutabera ku baturarwanda kandi mbifuriza kuzarangiza neza inshingano zanyu, kugira ngo dukomeze twubake Urwego rw'Ubucamanza rutuma uburenganzira bwa buri muturarwanda bwubahiriza, bikaba n'imfundo ry'amahoro, imibanire myiza, n'iterambere Igihugu cyacu cyifuza.

Murakoze, mugire amahoro.